K0205591

## RESUME DE LA CASSETTE N°0100.

### FACE A.

* Interview d'un journaliste non identifié avec Kavaruganda président de la cour de cassation à propos des problèmes qu'a ce dernier avec Ngirumpatse Gustave.

* Annonce de l'ouverture du livre des condoléances à la préfecture de Kigali.

* Communiqués.

### FACE B.

* Suite de l'interview de Kavaruganda, avec des journalistes.

K0205592

| | |
|---|---|
| Identification | : 0100 Of 01/12/93. |
| Duration | : 60 min. |
| Quality | : good. |
| Transmission | : RTLM. |
| Name of transcriber | : Gatimbiro Uwera Olga. |
| Date of transcription | : 22/3/2000. |
| Dictaphone | : Express Write Model 250-65n516525. |

Orateur : Non identifié.

... noneho abantu batira conclusion ukarefleshisa après. Muyandi magambo ugu... ugakuraho Caisse d'épargne wamara kuyikuraho ukiga amategeko ayikuraho. Uti ndayisheshe "il est tombé en faillite" baturage musanga... mufate amafaranga yanyu. Njyew re... ati njyewe umute... umutegetsi ngiye gushaka itegeko ribikuraho. Cour constitutionnelleubwo ikaryanga. Yararyaze icyokora. Donc, on refléchit, on réfléchit, on a dit d'abord on réfléchit après on inverse ibintu. Ubwo nanjye naba mbaye umuhuza mubi en inversant ibintu. Ngomba kubanza nkiga dossier ye nkayigana... nzayiha rapporteur ayige igihe nikigera a... jye n'abandi bacamanza 2 cyangwa 3 burya tu... mubona abasinya 3 kuko twasinye turi nka cumi na bangahe hagasinya gusa 3 nibura. Ni umu... ni umuhango ko bagomba kuba 3 na kenshi bakifashisha n'abandi bacamanza nk'ubu turi aha tukaba turi 10 ariko hagasinya 3. Nk'urubanza rwe rushize duhe... twaciye le 11/2 twaricaye turi 5 hasinya 3 undi akarindagira abo tukabita (inaudible) ni expert n'iki n'iki ba... batwungura ibitekerezo (inaudible) na Président niba afite biriya bitekerezo, niba abifite koko cyangwa kanaka yarariyemo ruswa tubimuvanemo! C'est une discussion ça serait une transparence. Donc ntabwo nanamenya rero comment tuzaca urubanza rw'uriya muntu "la prise à partie"na... n'ibindi byinshi nta... ntazi mbese ntitura yi... ntiturayi... sindayiga jye. Ni yo mpamvu ndeba mu... muri aspect historique gusa élémentaire. Donc ndamutse mbaye convaincu à l'avance ko NGIRUMPATSE azatsindwa naba mbaye (inaudible) et je ne le serais pas du moins pour ce cas là.

Orateur : Non identifié.

(Inaudible).

Orateur : HABIMANA Kantano.

Akabazo ka nyuma (arakoroye) ee... pardon mwavuze yuko Radiyo RTLM yabise igihangange ee... nyakuba... oya ikibandi cyo ntabwo byongewemo (des rires d"une autre personne) ibyo ari byo byose yenda byavuzwe na NGIRUMPATSE muhanganye ariko ntabwo ari twe, e... hanyuma... hanyuma ee... noneho twebwe icyo twavuze ni uko muri igihangange mwebwe mwumva muri iki ?

Orateur : HITIMANA Noël.

...RTLM dufite saa 3 n'iminota 15 hano i Kigali, abantu badutelefona ni benshi badutelefona ari benshi baduha morali rwose ahubwo na babandi badutelefonaga badutuka noneho wagira ngo bacitse intege babyihoreye kandi niba babishaka bakomeze batelefone n'amafaranga yabo batanga kwebwe nta cyo bidutwaye niba udututse turaseka, kubera ko twe tuzi impamvu, hum! (Aseka), "ukuri kunyura mu ziko ntigushye" kandi "ntikwica umutumirano" n'iyo twahurira mu nzira twaganira nta kibazo kirimo, nta cyo rwose nta kibazo kirimo kandi uriya mudamu bose bari kwirukanka babarira twebwe dufite uburyo bworoshye, bworoshye bwo kubimenya n'inzu araramo n'aho ari n'ubu ngubu ahantu ari kuko tubifitiye ubushobozi burahari rwose twize amashuri se yo kumara iki ? Ntabwo twize amashuri yo guta hasi. Maze rero hari n'abantelefonnye barambwira bati " umugabo KAVARUGANDA Président w'Urukiko rusesa imanza yaraye avugiye ibintu kuri Radiyo yanyu" bati "twifuza kongera kumva kubera ko abenshi bari bube abatahutse ku kazi abandi bananiwe, hari n'abafashe ku garama, abandi bafite ibindi bibahuzenza mu rugo kuko iyo umuntu atashye aba afite ibindi bibazo"

6.4

ati "none" ati ubu ngubu hari abafite igihe bakumva iryo jambo. Ariko kandi njye nawe... iryo jambo narikurikiye rwose narikurikiye rya... mbabaje ni uko umugabo yavuga ngo ibyo afite ibikoresho: intebe, utubati ngo ni ibyo Umwami yamusigiye. Ese Umwami hein, ajya gutanga ko atatanze ngo amuhe ingoma, him, yamusigiye iki ? Ubwo wenda yaba azi aho Kalinga cyangwa akaba yarayisigaranye cyangwa akaba azi n'aho ibindi bikoresho biri! Hum! Ese umuntu utamenya ko KAYIBANDA yokereye iki gihugu! Ibikoresho bigurwe, hum, ati "ndakorera mu nzu ya habitation"! Ntamenye ko HABYARIMANA na we yakoreye iki gihugu ko n'ubu akigikorera avuga ngo "noneho aba mu nzu ya habitation", iyo atuyemo si iya Leta? Hum! Si iya Leta se ? Umutungo afite se ntituwuzi ? Umutungo afite rwose ... (inaudible) imodoka za Leta zi... ziryamye iwe ni nyinshi, ziryamye iwe za Leta. We ubwe umutungo afite yakubaka n'igorofa ryajyamo urwo rukiko, ubwe rwose yabikora arakize. Akijijwe na nde se ? Hum! Ntakijijwe ni uko KAYIBANDA yakoze, ntakijijwe ni uko HABYARIMANA akora, ntakijijwe ni uko Leta ikora! Nene... reka mumwumve, reka mumwumve mwiyumvire umugabo bande... bande iba ihari,

Orateur : Non identifié.

Njyewe numva ndi umuntu nk'uko mu kiliziya babitwigishije umuntu ugizwe na roho n'umubiri. Nkaba ndi Umunyarwanda uvuka ahantu hitwa Va muri Tare, Kigali, umaze imyaka hafi 60 n'indi 20 icyokora nkaba nyimaze mu bucamanza, nta kindi narenzaho. Ndi iki se ? Ndi igikoko gifite cyokora roho... (inaudible) ngizwe na roho n'umubiri. Ikindi cya kane nkaba na magistrat bwo ni ubutegetsi bwabimpaye bihuje... wenda bibajije ko ni... nize ibyerekeye iby'amategeko. Nta kindi mbona ahari njye ndi iki se nyine ? Ndi umuntu nkawe nkaba umuntu nk'undi! Navutse nte ? Wowe wavutse ute? Se ibindi biremwa by'Imana bivuka bite? Muri... (inaudible) babyita ngo iki? Hum ? Nk'umumalayika nanjye ? None se

3.1

de 2 êtres umwe avuga ibye undi ibye et j'ai eu un commencement j'aurai une fin comme vous, uko navutse ni ko yavutse ! Ndi... ndi iki se ? Umbwiye icyo uri cyo nakubwira icyo ndi cyo. Bityo rero wazasanga tu... tudatanye tuzaba duhuje gusa les intérêts du mouvement ni zo zizadutandukanya ibi ndi byose uzasanga ari byo, tubihuje. Iby'umugati ni byo bya... bi... bitanye naho ubundi burya turi bamwe. (Musique).

Orateur : HITIMANA Noël.

... 3 minutes à Kigali nous vous communiquons ce communiqué de l'Ambassade euh... du Burundi au Rwanda.

L'Ambassade du Burundi au Rwanda a l'honneur de communiquer à tous ceux qui parta... partagent la douleur des Burundais consécutive à l'assassinat de Son Excellence le Président de la république du Burundi le regretté monsieur Melchior Ndadaye et d'autres martyrs de la démocratie qu'il est ouvert les livres de condoléances dans la préfecture de la ville de Kigali. Ceux qui souhaiteraient rédiger ses voeux de condoléances sont invités à passer à ladite préfecture tous les jours à compter de ce mardi, le mardi 30/11/93 à 15 heures jusqu'au 5/12/93. (Musique).

.... mbagezeho aya matangazo:

Ubuyobozi bwa Koperative TRAFI....

Orateur : HITIMANA Noël.

...RTLM dufite saa 3 n'iminota 15 hano i Kigali, abantu badutelefona ni benshi badutelefona ari benshi baduha morali rwose ahubwo na babandi badutelefonaga badutuka noneho wagira ngo bacitse intege babyihoreye kandi niba babishaka bakomeze batelefone n'amafaranga yabo batanga kwebwe nta cyo bidutwaye niba udututse turaseka, kubera ko twe tuzi impamvu, hum! (Aseka), "ukuri kunyura mu ziko ntigushye" kandi "ntikwica umutumirano" n'iyo twahurira mu nzira twaganira nta kibazo kirimo, nta cyo rwose nta kibazo kirimo kandi uriya mudamu bose bari kwirukanka babarira twebwe dufite uburyo bworoshye, bworoshye bwo kubimenya n'inzu araramo n'aho ari n'ubu ngubu ahantu ari kuko tubifitiye ubushobozi burahari rwose twize amashuri se yo kumara iki ? Ntabwo twize amashuri yo guta hasi. Maze rero hari n'abantelefonnye barambwira bati " umugabo KAVARUGANDA Président w'Urukiko rusesa imanza yaraye avugiye ibintu kuri Radiyo yanyu" bati "twifuza kongera kumva kubera ko abenshi bari bube abatahutse ku kazi abandi bananiwe, hari n'abafashe ku gatama, abandi bafite ibindi bibahuzenza mu rugo kuko iyo umuntu atashye aba afite ibindi bibazo"

6.4

ati "none" ati ubu ngubu hari abafite igihe bakumva iryo jambo. Ariko kandi njye nawe... iryo jambo narikurikiye rwose narikurikiye rya... mbabaje ni uko umugabo yavuga ngo ibyo afite ibikoresho: intebe, utubati ngo ni ibyo Umwami yamusigiye. Ese Umwami hein, ajya gutanga ko atatanze ngo amuhe ingoma, him, yamusigiye iki ? Ubwo wenda yaba azi aho Kalinga cyangwa akaba yarayisigaranye cyangwa akaba azi n'aho ibindi bikoresho biri! Hum! Ese umuntu utamenya ko KAYIBANDA yokereye iki gihugu! Ibikoresho bigurwe, hum, ati "ndakorera mu nzu ya habitation"! Ntamenye ko HABYARIMANA na we yakoreye iki gihugu ko n'ubu akigikorera avuga ngo "noneho aba mu nzu ya habitation", iyo atuyemo si iya Leta? Hum! Si iya Leta se ? Umutungo afite se ntituwuzi ? Umutungo afite rwose ... (inaudible) imodoka za Leta zi... ziryamye iwe ni nyinshi, ziryamye iwe za Leta. We ubwe umutungo afite yakubaka n'igorofa ryajyamo urwo rukiko, ubwe rwose yabikora arakize. Akijijwe na nde se ? Hum! Ntakijijwe ni uko KAYIBANDA yakoze, ntakijijwe ni uko HABYARIMANA akora, ntakijijwe ni uko Leta ikora! Nene... reka mumwumve, reka mumwumve mwiyumvire umugabo bande... bande iba ihari,

reka twumve.

Orateur : KAVARUGANDA Joseph.

Tubanze dusabe imbabazi abantu bamwe bicaye muri ziriya ntebe mubona inyuma y'abo bari imbere. Tukabasaba n'imbabazi kubera ko iyi nzu turimo ari inzu nyine ya habitation yagenewe Ibiro b'Urukiko rusesa imanza. Akaba ari ho rero igihugu cyasanze Urukiko rukuru rwacyo rugomba gukorera. Ariko tukaba twaragize Imana izo ntebe z'inyuma hari abatabizi, izo ntebe z'inyuma mubona murabona ko zikoze neza ni zo RUDAHIGWA yadusigiye. Tukaba twandika buri mwaka rero tuti "iyo Rudahigwa atabaho Cour de cassation iba yicara kuki? Abaze kuburana muri Cour de cassation bakwicara he"?. Izo ntebe ni iza RUDAHIGWA ni zo turiho. Kariya kabati kuzuyemo ibintu ngira ngo yari ameza y'Umwami RUDAHIGWA... (inaudible) igihugu nta kintu kiraduha, ndacyashakisha ukuntu bampa udufaranga tw'uducumbikira aho Palais de justice yabo, aho Urukiko rwabo rukuru rw'igihugu rukwiye gucumbika. Tukaba rero tubasaba imbabazi ni ho Leta yabonye ni zo ngufu zayo ni ho zigeze ntawaturenganya, nta n'uwarenganya Leta. Hanyuma rero nyine nkaba nahamagaye abantu bamwe kugira ngo ukeneye kugira ibibazo yabaza, ibibazo bimaze iminsi bivugwa kuri Radiyo RTLM twagize n'Imana Kantano ni ubwa mbere... umenya ari n'ubwa mbere mubona menya ko ari we Kantano. Akaba ahari kuko ibyo bintu byavugiwe kuri ye inshuro nyinshi nyinshi cyane akajya

10.1

agerageza no gushyiramo n'umunyu avuga umuntu cyangwa avuga ati "umuntu w'igihangange witwa KAVARUGANDA uri hejuru y'amategeko se yaje akatwitaba. Yaje agasubiza biriya bibazo, yatinye dore na NGIRUMPATSE yaje none yafungishije biro. Se mwabategetsi mwe ba Repubulika uriya muntu mwamuhaye blâme, mwamuhaye demande d'explication. KAVARUGANDA w'umwicanyi, KAVARUGANDA w'umugome ugeze... ugejeje hariya. Uriya muntu bamubwiye agacisha make agakurikiza amategeko akaba umuntu, aho kurenganya abantu akabarenganura". Ibi bintu byahise rero kuri radiyo igihe kirekire njye ku binyerekeye uhagarariye RTLM bikanshimisha cyane, kuko iyo mboye nyine umuntu w'umunyamakuru nyine na we ujiji... usa n'ujijisha kandi akajijisha nkana, agatanga amakuru y'igipande kimwe, umuntu ash...

ashyigikiye ugasanga igihe ateshutseho nko mu magambo aya n'aya ugasanga ari... aho kugira ngo abe ari we ute... ugira isoni ugasanga nyine iyo urimo gukora commentaire sur les journalistes ari we wumva afite akantu. (Arimyoje). C'est dommage ko ibintu biducitse nyabuna ihangane komereza aho wari ugeze nta cyo bitwaye. Nasanze rero kuko RT... RTLM yabyifuzaga ko Urukiko rusesa imanza (inaudible) ko KAVARUGANDA ari umwicanyi w'umugome kaburiwe atasubiza Radiyo, kandi radiyo y'imprive, sinzi ko Radiyo nationale nta cyo yavugaga, ndifata.

Orateur : HITIMANA Noël.

... rwose KAVARUGANDA yisobanuye. Natangiye mvuga nti Kavaruganda uretse ko avuga ngo intebe yicayemo ni izo Umwami yamusigiye... yabasigiye ariko kandi muribuze gukurikira mwumve neza icyo atekereza ku rubanza rwa NGIRUMPATSE Gustave bavuga ko yishe umunyacyangugu Seth abacuruzi biciye muri ... mu Kivu ku Kibuye, urwo rubanza rukaba rwarabaye rurerure cyane, abo bavuga ko bafatanyije na Gustave urebye bose ubu barahanwe, bararashwe, barapfuye uwarusimbutse, uwarusimbutse kenshi kenshi na we bagiye kumurasa, bagiye kumurasa nyine ni Gustave ukiriho. Ariko kandi mwakurikiye, mwakurikiye mwumvise ko KAVARUGANDA yavuze ati "uzica NGIRUMPATSE Gustave arazwi. Uwo muntu kandi ni we ushaka kwica" ati "uzica KAVARUGANDA" ati "njyewe KAVARUGANDA ndamuzi". Si byo ? Hum! Gustave rero icyo namugiraho inama ni uko yari akwiye kwitonda ndetse yaba umugabo uzi ubwenge akaba yashaka KAVARUGANDA akamubwira ati shahu ati he! Ati bagutegeye hariya noneho akimenya, akahamenya, akamenya ko umuryango we na wo wenda apfuye wamenya umwishe, kuko Kavaruganda yivugiye ati "njye KAVARUGANDA ndamutse mpfuye

12.9

ntibazabeshyere Gustave ngo ni we wanyishe! Ati "ba nde"? Ntibishoboka ati "uzanyica ndamuzi". Ubwo rero KAVARUGANDA ukuri avugishije ntabwo gusanzwe, ntabwo ari ukuri kw'abantu bajenjetse bo hanze aha ngaha ni ukuri k'umugabo wemera ibyo avuga. Yemera ibyo avuga atubwiye ko mbere yo kugira ngo ushyireho itegeko ntabwo wihutira gushaka umwanzuro kandi iryo tegeko utararishyiraho ngo utire des conclusions (aseka) ku bintu bitarabaho cyangwa ngo ukore ibintu sans conclusion. Ati "ibyo byose ni ibyo kwitondera". Turamwemeye, twemeye

ibyo avuze kubera ko radiyo yacu Radiyo RTLM uko twabibabwiye ari radiyo ivugisha ukuri, ihitisha ukuri umuntu ntaniganwe ijambo yavuze ko Kantano, him, yemeye ajyayo aramubwira ati "ngaho tubwire uko utekereza kuri kiriya kibazo"? Mwese mwese nshuti za radiyo yanyu Radiyo RTLM aho kuniganwa ijambo mujye mudushaka tuvugane ukuri kujye hanze. Reka tube twumva uwo muzika mu kanya... nitumara kuruhuka neza na BARAYAGWIZA aribuze kutubwira icyo yaraye abwiye Abanyarwanda nimugoroba.
... communiqué de presse : Union muri Université nationale y'u Rwanda.

Orateur : GAHIGI Gaspard.
Urumva ubu turi hamwe na BARAYAGWIZA Yohani-Bosco, BARAYAGWIZA Yohani-Bosco akaba ari inararibonye mu bintu bya politike kuko yayoboye Direction générale ishinzwe ibya politike muri Ministère y'Ububanyi n'Amahanga mbere y'uko ajya gukora muri OUA, mu Muryango w'uUbumwe bw'Afrika ubu akaba ari mu Rwanda nabwo ari muri Ministère y'Ububanyi n'Amahanga ari Diregiteri, BARAYAGWIZA kandi akaba ari conseiller w'ishyaka CDR kandi BARAYAGWIZA akaba ari umwe mu bagize igitekerezo cyo gushinga iyi Radiyo yacu.

Tukaba tumwakiriye rero kugira ngo tugerageze gutekereza hamwe turebe ikintu gituma FPR yica abantu Byumba na Ruhengeri na Gisenyi ikabica twarasinye amasezerano ya Arusha. Muzi ko FPR yishe abantu i Bwisige abantu ntibababifata uko biri, irongera iro... irotota iragenda yica abandi mu makomine ya Nkumba, Kidaho, Cyeru na Nyamugali abantu barenga 40 ejobundi yica abantu muri Komine Mutura ubu hamaze kubarurwa imirambo 25 n'abandi 8 babuze. Ndetse no muri Ngenda... ni 18 ntabwo ari 8 ni 18 hapfuye abantu 25 n'abandi 18 FPR yashimuse. Ndetse mwumvise n'abandi muri Komine Ngenda bapfuye ariko wareba uko ba... bishwe ukabona bisa n'iby'Inkotanyi. None rero Bwana BARAYAGWIZA Yohani Bosko uri inararibonye kuki FPR inyura ku masezerano yasinye Arusha ikagaba ibintu by'ibiteroshuma ikica abantu kandi twarasinye amasezerano kandi Guverinoma y'inzibacyuho irimo FPR

15.9

yari igiye kujyaho" tuyikozaho imitwe y'intoki", kuki ibyo bikorwa bya FPR ?

Orateur : BAYARAGWIZA Jean-Bosco.

Urakoze bwana GAHIGI...

Orateur : HITIMANA Noheli.

... uyu munsi kugera mu ma saa 5, urebye uyu munsi wenda nongeye gutaha mvuga ngo ni wo munsi wa mbere Inkotanyi zitadutelefonnye. Izo Nkotanyi rero tumaze kumva ikiganiro BARAYAGWIZA ya... yagiranye na GAHIGI, hum, zirarubira, zirarubira, maze gutelefonwa n'umugore ee... n'umugabo ariko bose ibibazo byabo ni bya bindi. Ibyo byabo baravuga bati mbese Noheli kuki mutwihata? Kuki mutuvuga? Tutabavuga se ! Umwe yarambwiye ati "kuki mutavuga... hum, bene wacu" ati "b'Abatutsi"? Ati "kuki mutavuga Abagogwe ngo mubavuge neza muvuge ibyabo, akaga kabo, ibibazo byabo"? Namushubije nti "Abagogwe yewe baravuzwe banditswe mu binyamateka byinshi n'isi yose yarabimenye ndetse habaye za enquêtes internationales we... abantu bavuye mu mahanga kure muri Amerika baraza bakora enquête ku rupfu rw'abo bantu, enquêtes zirasohoka zimwe z'ibinyoma, izindi zivugisha ukuri. Enquêtes zarakozwe ni nyinshi. Radiyo RTLM yewe ntabwo ari radiyo yo kuvundura ibyabaye byahise ahubwo ni radiyo yo kuvuga ibiriho. None se ko muri iki gihe Abahutu barimo bapfa ko barikwicwa si n'Inkotanyi, ibyo bapfuye kera kandi bizwi byaravuzwe kandi amaradiyo yose yarabivuze, ntabwo turi mu gihe cyo kugira ngo tuvuge tuvundure ibyahise ntabwo bishoboka, turavuga ibiriho, ibiriho rwose iyo ambwira ahubwo ati noneho ati mugace aka n'aka bishe Umugogwe kanaka uyu munsi akabona akobonako ndatinya kuvuga. Ntibishoboka nabivuga koko. Ni uko bimeze rero, hari n'abandi banteye urwenya... banteye urwenya b'i Nyamirambo ati "Noheli rwose" bati "hano i Nyamirambo turibaza mu iyi Nzibacyuho twe tutarimo" bati "kubera ko abapolisi batumereye nabi" bati "barasanga wifatiye a... akarahuri wi... wifatira agatama muri aka gahinda kawe" bati "bakakugirira nabi" bati "mubabwire rwose ko natwe turi abashomeri mu Nzibacyuho" bati "iyo tubonye agacupa tugashyira mu nda. Nta... abo bantu (aseka) ni ab'i Nyamirambo.

... RTLM nejezwe no kubandikira ngira ngo mungereze... ee... kubumva RTLM ibi bikurikira : dore Inyenzi-Nkotanyi zakoze akantu ku mupaka noneho izo mu... mu mujyi na zo ngo zaratanzwe zirashaka... zirashaka gutangirira ku banyamakuru ba RTLM. None rero nagira ngo mbamenyeshe

18.3

ko umuntu waba ufite umugambi ee... wo kwica Noheli, Kantano, MBILIZI, GAHIGI, Lawurenti na BIZIMANA ko uwo muntu uzamu... uzamutanga... uzamutanga akamutangaza ubwo muzaba mubona uko bizagenda. Kandi rero dore Guverinoma ngo ya... y'Agata na Rukokoma yakandamije abasoda none nibare... nibareba nabi... (inaudible) nibareba nabi tuzabacika nk'uko ngo MUSEVENI abe bamucitse. Wowe (arakoroye) ngo wowe taxi yateze RTLM uramenye ko hum, sinzakubone uwo ni umusirikare wabyinditse kuko Kantano hum! Kantano ndamukunda cyane ku buryo umuntu umwifuriza inabi ntiyagombye hum, kuba muri uru Rwanda. Ahubwo ndagira ngo mwongere mutubwire, hum, plaque zayo ndetse muturangire neza aho uwo mu... uwo mugore ba... bashize kuri radiyo ee... watutse Kantano ngo ni Inkotanyi aba ubundi tactique izakoreshwa ni twe tuyizi. Rwose abakunda amahoro mwese mwirinde abakozi ba RTLM. Murakoze. Hum!

Hum ! Ati " (inaudible) uri ku izina ryanjye" ati "njye ndi umusirikare". Izina naribonye sindivuze nzamuvumba ariko murumva neza neza ibintu... iyi radiyo irakomeye, iyi radiyo irakomeye ari ba Shadrack bayikoraho, ari ba MUPENDA, ari ba Kantano ari ba Noheli ari ba nde ni abantu bafite ababakunda bagira n'ababanga ariko mumenye ko iyo umuntu afite abantu batatu bamukunda ngo "iyo 2 ba... bashize hamwe n'Imana iba ihari". Imana rero irahari, ni ukwitonda rero abantu 2,3 bashyize hamwe Imana iba... ibari hagati. Mwitonde kuko twebwe... njye naravuze ndi "agati kateretse n'Imana", n'abandi na bo rero barashinganye ikibazo nta kindi ni ukubitondera hatazagira ukoma mu jisho hakagira umuntu uhagwa! Dukomeze twumva uwo muziki, ndakomeza mbagezeho n'andi matangazo. (Muziki).

K0205602

( FIN DE LA FACE A ).

Partie non enregistrée.

(Un peu de musique).

Orateur : HABIMANA Kantano.

... RTLM ee... ivugira i Kigali mu kanya... turafunga ibyuma byacu ariko rero ako kaziki kwari ukugira ngoeee... mwitegure kumva KAVARUGANDA yenda n'uwari ugiye muri... muri toilette abe avuyeyo hanyuma rero ubu ngubu noneho mugiye kumva... igihangange KAVARUGANDA Président w'Urukiko (inaudible) Rusesa imanza yari yatumiye abanyamakuru benshi kugira ngo abasobanurire ibye na Gustave. Nababwiye yuko mu... KAVARUGANDA ari umuntu uruhije kumva kubera ibintu bimwe na bimwe bisa na philosophie avuga, hanyuma ariko kandi aranasetsa muraza gutangira museka, hinga mwumve.

Orateur : KAVARUGANDA.

Tubanze dusabe imbabazi abantu bamwe bicaye muri ziriya ntebe mubona inyuma y'aba bari imbere. Tukabasaba n'imbabazi kubera ko iyi nzu turimo ari inzu nyine y'habitation yagenewe Ibiro by'Urukiko Rusesa imanza. Akaba ariho rero igihugu cyasanze Urukiko rukuru rwacyo rugomba gukorera. Ariko tukaba twaragize Imana izo ntebe z'inyuma hari abatabizi, izo ntebe z'inyuma mubona murabona ko zikoze neza ni izo RUDAHIGWA yadusigiye. Tukaba twandika buri mwaka iyo RUDAHIGWA atabaho Cour de cassation yaba yicaye ku ki? Abaza kuburana muri Cour de cassation bakwicara he? Izo ntebe ni iza RUDAHIGWA ni zo turiho. Kariya kabati kuzuyemo ibintu ngira ngo yari ameza y'Umwami RUDAHIGWA. (Inaudible) igihugu nta kintu kiraduha baracyashakisha ukuntu bampa udufaranga tw'uducumbikira aho Palais de justice yabo... aho Urukiko rwabo rukuru rw'igihugu rukwiye gucumbika. Tukaba rero tubasaba imbabazi ni ho Leta yabonye, ni zo ngufu zayo ni ho zigeze nta wa urenganya nta n'uwanganya Leta.

Hanyuma rero mu... nkaba nahamagaye abantu bamwe kugira ngo ukeneye kugira ibibazo yabaza, ibibazo bimaze iminsi bivugwa kuri Radiyo RTLM bagize n'Imana Kantano ni ubwa mbere... umenya ari n'ubwa mbere mubona menye ko ari we Kantano, akaba ahari kuko ibyo bintu

byavugiwe kuri ye inshuro nyinshi, nyinshi cyane akajya agerageza no gushyiramo n'umunyu avuga umuntu... icyo yavugaga avuga ati "umuntu w'igihangange witwa KAVARUGANDA uri hejuru y'amategeko. Se yaje akatwitaba! Yaje agasubiza biriya bibazo. Yatinye dore na NGIRUMPATSE yaje none yafungishije Ibiro. Se mwa bategetsi mwe ba Repubulika uriya muntu mwamuhaye blâme, mwamuhaye demande d'explication ? KAVARUGANDDA w'umwicanyi, KAVARUGANDA w'umugome ugeze... ugejeje hariya. Uriya muntu bamubwiye agacisha make agakurikiza amategeko akaba umuntu, aho kurenganya abantu akabarenganura". Ibintu

11.9

byahise rero kuri radiyo igihe kirekire, njye kubinyerekeye rero uhagarariye RTLM bikanshimisha cyane. Kuko iyo mboye nyine umuntu w'umunyamakuru nyine na we ubwe ujiji... usa n'ujijisha kandi akajijisha nkana, agatanga amakuru y'igipande kimwe, umuntu ash... ashyigikiye ugasanga igihe ateshutseho nko mu magambo aya n'aya ugasanga ari... aho kugira ngo abe ari ute... we ugira isoni ugasanga nyine iyo urimo gukorera commentaire sur le journaliste akaba ari we wumva afite akantu. (Arimyoje). C'est dommage ko ibintu biducitse nyabuna ihangane komereza aho wari ugeze nta cyo bitwaye.

Nasanze rero kuko... uko RTLM yabyifuzaga ko Urukiko Rusesa imanza n'umuntu KAVARUGANDA w'umwicanyi, w'umugome kaburiwe atasubiza Radiyo. Kandi radiyo y'imprive, sinzi ko Radiyo nationale nta cyo yavugaga, ndifata. Kwifata kwanjye guteye u...u... gufite izihe mpamvu? Kwifata kwacu ni uko ubusanzwe umunyapolitike iyo bamu... bamuvuze hanze nabi inzira afite ni ukubwira la presse, ni ukubwira abandi bantu, ni ukubwira... kubwira radiyo na bo bakamenya ukuri. Ubu ni byo tumazemo igihe. Parti iyi n'iyi ifite ibibazo ikabishyikiriza radiyo, la presse n'iki. Twebwe rero abacamanza bavuga ukuri, batubeshyera ni ibintu twamenyereye. Iyo rero babona ko umu... umujournaliste abona ko umucamanza yamuhaye, yamwegetse, yamugize ruvumwa burya aba apfiriye ku mucamanza. Kuko umucamanza afite déontologie akoresha ntabwo aba akinira politique, akora ku buryo bwa gicamanza, akiga amadosiye bamuhaye, akayiga ku buryo agomba kubyiga hanyuma akazakemura urubanza akurikije icyo dossier n'amategeko bimubwiye.

Kujya kuri radiyo ntabwo abacamanza bakora kuri radiyo. Abanyapolitike ko bakorera... bahakorera bo ni ngombwa ariko umucamanza wabigiyemo ubwo aba yatannye. Ni yo mpamvu ntagiye... nasanze atari ngombwa gusubiza RTLM no kuyitaba nasanze atari ngombwa, binyuranyije n'umwuga wacu.

Muti ese ubu ngubu kuki noneho wahamagaye RTLM ikaba yaje, Isibo... uw'Isibo ni uwuhe ? Ee... Kinyamateka, ee... na Le Partisan ndabona ari bo bahari ni uko twifuje kuko twasanze ikibazo kimaze kuba kirekire RTLM iriho ibeshya abantu, ibeshya rubanda, ijijisha yaraguye mu mutego tukifuza ko RTLM itakongera kugwa muri uwo mutego n'abandi bajournaliste bakaza bakumva ukuntu RTLM yaba yaraguye mu mutego. Tukasaba rero ko itazongera kuwugwamo cyangwa niba ari byo yagenewe wenda ikaza... ikazakoresha mbese déontologie yayo, ikazakora uko bikwiye ikamamaza amakuru yayo ikurikije profession yayo. Twe tukaba tubyizeye cyane cyane ko bambwiye ko Kantano nyine yize n'iby'amakuru. Maze akaba ari yo mpamvu nasanze nyine aho kugira ngo abantu bakomeze babeshywe, bajijishwe nti reka mpamagare...

14.9

quelques représentants de presse, RTLM maze ize yumve noneho azakomeze commentaires ze uko abyumva n'uko abishaka nuko yabitegetswe ariko hari n'abandi bagenzi be bashobora kuba ba... babyumva, ari yo mpamvu twagize tuti ibintu aho bigeze ni ngombwa ko le public iba informé. La cour doit sortir de son silence. Il doit changer les méthodes sans oublier déontologie yayo n'amategeko yayo ni ya exception rero dukoze.

Maze rero akaba nta exposé yindi na... twateganyije kuba... kuba... kubasomera nous so... twaje hano tugira ngo tujye à la disposition de la presse, tujye à la disposition d'ibibazo byanyu, tujye à la disposition de... uhagarariye RTLM atubaze ibibazo byerekeye uriya mu... KAVARUGANDA w'umwicanyi kabuhariwe, w'umugome atu... tubaze icyo uriya muturage w'inzirakarengane nk'uko tu... babyita azira, KAVARUGANDA amuziza. Mais sur ce nkagira ngo mbanze mbahe quelque... quand même une introduction y'ukuntu amadosiye akurikiranye, uriya muntu muzi ko

yavuze ko KAVARUGANDA ari w'umwicanyi w'umugome yanga... yanga NGIRUMPATSE Gustave. "Uwo muntu KAVARUGANDA w'umugome kabuhariwe, w'umwicanyi yakoze enquête muri 76 ampamya icyaha ari Procureur wa Repubulika, Procureur wenyine mu gihugu ampamya icyaha none icyaha cyarampamye. Aho agereye muri Cassation urubanza na rwo yararuciye arujyamo kandi yarubereye umushinjacyaha, kandi ngo mu mategeko yabo ntabwo bibaho. Nyabuna uriya muntu... RTLM wamufashije uruya muntu akampa amahoro. Ko ndi umwere mwa... mwabimfashijemo ubwere bwanjye bukagaragara KAVARUGANDA akava kU izima n'ubundi ko azampitana". Uretse ko mu... mu mutima wanjye nabivugaga publiquement no kuri... no hanze afite ubwoba ko nzamwica nanjye nkaba nsha... keka ko uriya muntu yazanyica, nkagira ngo mbabwire uzanyica ntabwo ari NGIRUMPATSE, uwica NGIRUMPATSE ntabwo ari KAVARUGANDA. Uzica KAVARUGANDA, uzica NGIRUMPATSE ni umuntu umwe ndamuzi azi ko muzi yamugize igikoresho, yamugize igikoresho ni we uzamuhitana. Uwo muntu yagize igikoresho rero nanjye yampitana noneho akabyitirira umu... uwo Gustave ati muzi ibyo RTLM yababyiye mwumvise ko ari ukuri na KAVARUGANDA ntiyigeze yi... ee... asubiza, nta n'umuntu muri magistrature, muri cour de cassation wigeze agira icyo aregera. Yishwe na ande se? Ni wa mugabo. Mucamanza, Parquet Gustave ni mufunge. Ni bo bamwishe KAVARUGANDA yahakanye baramubeshyera azaba ari igikoresho. Uzamwica rero ni umukoresha. Nanjye rero sinzamwica nzicwa n'umuntu unkurikiranye ufite icyo ashaka kugeraho. Ni ikihe ? Ni we ukizi. Cyokora azi ko mbizi kandi na we arabizi, kandi na we ariyizi nanjye nkaba muzi.

18.0

Orateur : Journaliste de Kinyamateka.

... munyamakuru mu Kinyamateka... Nyakubahwa président w'Urukiko niba numvise neza mwavuze yuko uriya mugabo yasubirishijemo ruriya rukiko inshuro 4 kandi ari ibintu bidasanzwe. Murongera muti "urukiko rusubirishwamo iyo habonetse ibimenyetso bishya". Urubanza rusubirishwamo iyo habonetse ibimenyetso bishya ni cyo nashakaga kuvuga. Ee... uriya NGIRUMPATSE na we mu bintu koko agenda atanga agenda atanga documents nk'izo yavanye

muri banque akerekana amatariki akababwira ati "dore uyu muntu se amafaranga ko yabikuje aya uyu munsi naba nayamwibye ayo bandega ku buhe buryo kandi dore umugore yabikuje aya n'umugabo n'aya yabikuje igihe iki n'iki ? Ee... Izo documents nk'izo rero umuntu kenshi mu buryo bwo kwandika akaba ari nazo wenda tunashingiraho iyo umuntu agiye kureba izo nkuru. Akabazo kanjye rero kakaba ari aka: mwemera gusubiramo ruriya rubanza inshuro 4 ni iki yabaga azanye gishya mwamwemereraga kitari cyarangijwe nyine igihe urukiko rusesa imanza rwa... rwa... igihe urubanza rwo rwagerага hano mu Rukiko Rusesa imanza umbwa mbere ? Murakoze.

Orateur : KAVARUGANDA.

Murakoze kubaza icyo kibazo, ngira ngo nagusubiza kimwe n'uriya wakubanjirije avuga ati "yagiye kubikuza miliyoni 8" kandi ndabamenyesha ko uriya mu... nyakwigendera atigeze agira ku ikonte ye amafaranga arenze miliyoni 8. Banavuga n'uko twanajya kubikuza byo ntibyabaye icyo kibazo se ni... ni ikibazo kitwerekeye, ikibazo kitwerekeye ko ari l'assassinat ? None se BIMENYIMANA yarishe cyangwa ntiyishe ? Ko yajya gu... kurotira amafaranga, ko atayarotira, ko yapfa ku itariki iyi n'iyi, umuntu yarapfuye kandi za enquêtes zaramwifashe. Ibyo bintu na... ni... ni secondaire tellement principa... raison principale ni iyihe ! Ni ukwica! Ni assassinat! Est-ce que yarishe cyangwa ntiyishe ? Ee... hari ibintu twita za alibis aba journalistes muzi namwe iyo terme nshobora ku... kuku... kukugambanira nkakwica uwo munsi nkakora ibindi bintu ku buryo batazamenya uwo ndi we. Nibajya kumfata nzavuga nti nari i Cyangugu, nakwica nte ndi i Cyangugu ? Kuko na we avuga ati namwica nte atarapfa ? Iyi procédure... (inaudible) akayi agrandissa agashyira abantu muri... (inaudible) ntibabone, batabona ati "ngize Imana bararindagiye profitons"! Ni ibyo.

20.7

... (inaudible) kugira ngo twakire ubundi imanza ura... uru... abafite ingingo ingingo... avuga ko afite ingingo nshya. Ariko mu mategeko yacu ntushobora kumenya ko ari ingingo nshya we ahita abivuga akabiha greffier, greffier akabyakira kugira ngo juge azamenye ko iyo ngingo yita nshya atari nshya hago... un bon jugement, abacamanza 3,4 batatu baraterana bakiga dossier ye bagasango ingingo atari nshya bakabideckara irrecevable. Ntabwo rero wamenya mbere la décis...

dushimisha ko la requête a été inscrite yinjiye muri Cour de cassation nta kundi ngomba... absolument nous devons trancher le jour qui est saisi ni yo mategeko dufite, le juge qui est saisi doit se désaisir, il doit trancher. Ni byo n'uriya mu...vandimwe wacu atazi il nous a saisi nous avons ses dossiers, nous devons nous prononcer byanga bikunze utabikoze ni ikosa professionnel. Hari (inaudible) dossiers ukwezi kwa 7 kwa 5... kwa gatanu k'uyu mwaka ngo barugire prioritaire, ntibishoboka. Hari umusirikari wigeze kuza vuba aha ngaha afite un dossier pendant hano ararega Président wa Repubulika ibibi byose yamugiriye akabirondora nous avons ouvert le dossier tuzayiga tuyirebe nigera igihe cyayo tuzayiga turebe! N'undi rero azagera... ingingo ntabwo dushobora kuyimenya, uyimenya ako kanya wexamina le dossier, ni ho ubona ingingo nshya. Ntugire uti hari requête bakiriye ifite nimero iyi n'iyi yatanze n'amagrama ye tugomba... nous devons nous prononcer, noneho ubona après ko iyi ntuza atari nshya. Kandi koko urabona ko izi ngingo narazinetse ku Kibuye no mu Ruhengeri no muri Cour de cassation za mbere . Arongera azijyana muri Cour de cassation inshuro 3 tugasanga iteka ari zimwe kandi ugasanga nta... nta gishya kirimo. Kugira ngo... hari Konseye Visenti ndagira ngo anyunganire agire icyo yakongereraho.

Orateur : Vincenti.

Ndumva umujournaliste afite ikibazo cya procédure ya recours en révision ukuntu recours en révision si umuturage uyisaba ubwe ni parquet nkuru y'Urukiko Rusesa imanza. (Inaudible) afite ingingo arazitegura akazishyira Parquet nkuru y'Urukiko Rusesa imanza ati "nyabuna parquet nsabira urubanza rusubirwemo". Parquet noneho yaza kubona za ngingo zifite ireme ika... ikabas... igasaba Urukiko Rusesa imanza ko rwasubira muri rwa rubanza rwaciwe. Ari naho ingingo za mbere zigeze kugera kwa pro... Procureur général w'Urukiko Rusesa imanza asanga nta reme zifite zitari zo bamusubiza ya baruwa bamuhakanira ko atagomba gukomeza kujijisha. Nyuma ko baje kongera kuzigarura kuko ni parquet izizana. Ee!... ingi... identique uko zakabaye bazihakanye mbere baro... barongeye barazifata uko zakabaye badahinduyeho n'inyuguti

23.3

n'imwe bandikira Urukiko Rusesa imanza bati "noneho turasaba ko urubanza rusubirwamo". Ni

aho ngaho rero Urukiko rugomba kuza... ku... ku... gukingura dossier. Non, ntabwo ari umuturage uzana ingingo ni parquet ibanza kureba yasanga zifite ireme ikaziyitirira noneho ikabona kuzizana.

Orateur : KAVARUGANDA.

Urakoze kuba unyunganiye (inaudible) abantu bo babishishirira ikibazo, batinya kwiteranya. Ati njyewe uriya muzaniye ikibazo kugira ngo ntiteranya ah, ngiye kuzizana uko zakabaye, agahita azinzanira uko zakabaye nta na commentaire, nta na discussion. Ukagira ibyago rero baku... badeklara irrecevable twe twihaze, turi abagabo b'amategeko.

Orateur : HABIMANA Kantano.

Nyakubahwa Président w'Urukiko Rusesa imanza najye mfite akabazo gato: ee... ubwo ndumva ku byerekeye ibimenyetso uriya mugabo Gustave yagiye... twebwe ibimenyetso uriya mugabo yagendaga azana azanira abanyamakuru ibyo ari byo byose niba ari uko tutari abacamanza ariko twe twabonaga ari byo niba umuntu bamureze ko yibye miliyoni 8 nka Kantano umureze ko... ye... wa... umuntu andeze ko... cyangwa ndeze umuntu ko yanyibye miliyoni 8 ntaranatunga na miliyoni cyangwa se ibihumbi 100 bikagaragara ko nta yo nigeze sinzi yuko icyo kintu kiba atari ukuri. Ndumva icyo gihe uwabindeze nta... nta shingiro aba afite. Bon, ... (inaudible) iby'icyemezo cya bourgmestre cy'icyo accident yo kurohama ari na yo yatumye umugore wa Seth afata amafaranga muri SONARWA ibyo ari byo byose igihe yarotiriye ayo mafaranga kiranditse ee... bon... niba umuntu bamushinja ko yishe umuntu kuri 27 se muri SONARWA bakabikura amafaranga yenda kuri 24 ya acci... ikurikira accident y'umuntu, ubwo se uwanshinja ko nishe umuntu kuri 27 njye ndumva bitashoboka kuko umuntu aba yarapfuye n'amafaranga ya accident barayafashe ! Twe rero twabonaga ibyo bintu bifite ishingiro nyuma kandi n'urupapuro... mugomba kuba namwe mwaranditseho ee... ahantu bavugaga yuko ashinjwa gusa kubera gukekwa. Excusez ibintu biranditse ahantu ndumva rero gukekwa... gukekwa gusa sinzi ahubwo ndibaza ee... niba mwanga ko urwo rubanza rusubirwamo kubera ko ahari ibimenyetso byabuze ee... byaba byaribagiranye cyangwa se mubona nta buryo mwa... mwakoresha simbizi ibyo ari byo byose mugira icyo munsobanura kuri ibyo. Hanyuma... hari akandi kabazo kamwe nagira ngo...

Orateur : Non identifié.

... (inaudible).

e... bon d'accord.

26.0

Orateur : KAVARUGANDA.

............. bavuze ko ngo uriya NGIRUMPATSE yibye miliyoni 8 ko ibyo bintu koko nta kimenyetso kibigaragaza cyane ko nka projet mufite babaha... yabahaye ivuga ko uwo muntu ahubwo yishwe na noyade mu Kivu ko ahubwo rero na SONARWA rero kubera ko ya... (inaudible) yari umucuruzi ufite za vedette, ufite ubwato mu Kivu we na BIMENYIMANA bombi bari bafite ubwato ni bo bari abakire muri Kibuye na Cyangugu bahacururiza hombi ee... noneho Bourgmestre aza kwandika ko... amaze ku... nk'uko nabivugaga amaze ku... kwigira muganga akora expertise asanga umuntu yarishwe na noyade SONARWA iri... ikora ibyayo kurindagira bibaho, kwibeshya bibaho itanga amafaranga, dit donc ubwo yatanze amafaranga uriya mugore nanjye navuga nti ubwo yahawe amafaranga miliyoni ayihawe na accident ya Sona... ayahawe na SONARWA kubera ko umugabo we yari yaguye mu mazi atishwe nuko atapfuye! SONARWA se ni preuve? Kuki atanga i... iyi argument se ntiyemere ? Kuki ayitanga muri première instance ku Kibuye ntiyemerwe. Kuki yayitanga muri première... muri Cour d'appel ntiyemerwe? Kuki ayitanga muri Cour de cassation ntiyemerwe? Kudakomeza kuyigendana ntihagira uyemera uretse utazi amadosiye yandi. Naho ko wibeshya se ni ngombwa? Naho umuntu... uzafate umuntu uwo ari we wese yatsinzwe mu Rwanda aho ari hose ufata umuntu watsinzwe umu... umu... umwiyegereze uti wokabyarawe narumvise ngo wagize ibyago wagiye kuburana aha n'aha muri Canton uratsindwa, burya ntiwarenganye, ati aaah ati ahubwo ngwino njye kuguha byeri. Akakubwira rwose ukuntu yarenganye akaba yaguha n'amafaranga, wagira... uri umuntu uciye akenge rero ukayamurya ariko ukamenya ukuri kwawe. Nta muntu watsinzwe wavuga ibindi atanga ibimenyetso byerekana ko umuntu yarenganye! Ee... naho ku kibazo nyine uvuga ati i... amafaranga miliyoni 8 ntabwo ari cyo kibazo c'est pas le vol! Bagira ishingiro, atagira ishingiro yayabitsa atayabitsa l'objet de litige ni yo mpamvu abajuji bagomba kuba abantu précis. Ati aragera iki urukiko... urukiko twashikirijwe uru... urubanza dossier ya parquet da... parquet

iradusaba iki? Iradusaba ko tuvuga ko uriya mugabo Bime... BIMENYIMANA Seth yishwe n'aba n'aba n'aba. Ati ibimenyetso ni ibihe parquet ? Ati ngibi, ngibi ba... bategetse aribo bajuji bati ni byo turabyemeye. Murabivugaho iki ariko ese... ese... ee... NGIRUMPATSE. Ati none barambeshyera. Nta kindi yavuga! juji aka... akadesida. Naho kuba naranditseho ngo... ngo ndakeka nanabyandika koko. Nkurikiye les informa... ahubwo nari mfite n'ubu ndakeka ariko yaba ari juji wavuze ati ndakeka décision iyi nkaba narayifashe ndi juji, ni ugukeka... ni ugukekera umuntu ubusa ubundi mu mategeko baravuga "dès qu'il y a doute il y a acquittement".

28.8

Njye nkaba na... narasanze harimo doute sinakite ndi juji ngakondana professionnellement ni ikosa. Iryo nta mujuji warikora. Njye simbona rero ikindi narenzaho Bwana Kantano. Cya kibazo kindi wari ufite.

Orateur : HABIMANA Kantano.

Gusa jyewe iyo ndeba nanjye simbona wa mugani mpamvu umucamanza yabonye ahanitse abakoze ankete bashyiramo ko bakeka nta bimenyetso bifatika...

- ...(inaudible)
- e... nako... umugenzacyaha ndakeka.
- Umugenzacyaha mukuru ?
- Yee.
- Wa he ? Yari hehe?
- Yenda ni uwo ku Kibuye simbizi si...
- ...(inaudible).
- Yee, noneho simbona nanjye umucamanza wagiye guca urubanza abona aho handitse ko akekwa ari ugukeka gusa noneho aka... agaca urubanza avuga yuko u... muntu...
- ... (inaudible) au niveau ya parquet.

Orateur : KAVARUGANDA.

... (inaudible) au niveau ya parquet.

Ejobundi hari umuntu bari bagiye guhutaza azira akazi ke. Yari yafashe umuntu w'ikibandi nk'uyu aramufunga, abategetsi basanga agomba gufungurwa n'abajuji basanga agomba gufungurwa aravuga ati "njyewe nkurikije amategeko yanjye n'ukuri kwa... kwa dossier imbwira njye ngomba kumugumishamo. Azaburana nk'ejo... azaburana nk'ejo bamutereye ibibombe. Cyokora nti... ararusimbuka agira Imana. Umucamanza wa parquet wamusimbuye uzi uko byagenze ? We yavuze indi language abategetsi bifuzaga umuntu ataha iwe na bya bintuza byose yibye n'ubu ari hanze. N'abacamanza dushobora kuvuguruzanya, première instance iragukondana njyewe nkakwakita. Muri... uri hano uko turi abacamanza utureba turi 3 uyu yavuga language ye, nkavuga iyanjye, uyu akavuga iye turi 3 mu rubanza 2 iyo banganje n'iyo naba ndi président wa hehe w'ikirenga, w'ikibandi y'icyicanyi, dictateur ndegama. Ni yo mategeko ya déontologie yacu uceceka utsinzwe naho ujyayo ngo ubundi ngaragare parquet rero ntabwo ari argument. Bakunze ari... umuntu wigeze abona icyo yari agiye kuburana kuri parquet bakamukondana kandi avuga ko umuntu we ari umwere! Ntabwo nemeza ko ari NGIRUMPATSE wishe uri... wishe Seth, akagenda akavuga ati "nda... ndakeka rwose". Juge akavuga ati "ubwo bukekwa bwawe wa mugabo we urakosa uriya muntu reka tumukondane (inaudible). Le Ministère public yanditse ibyo si yo yagiye gusiyeja ku Kibuye, si yo yagiye gusiyeja mu Ruhengeri, si yo yasiyeje muri Cassation, si yo yasiyeje muri izo za sessions4 tumaze kugira n'iya 5 iri en cours. Ee... Le Vice-président nagire icyo yongeraho... (inaudible).

30.8

Orateur : Le Vice-président.

(Arakoroye) Ndagira ngo nongere ku...ee... icyo gisubizo ee... une précision yerekeranye no gusuzuma ibimenyetso. Mu iki gihe koko umuntu abona ikintu cyanditse uko cyaba cyanditse kose aho cyaba cyanditse hose ee... akibwira ko inyandi... inyandiko ko uko imeze kose ari icyo ee... mu mvugo rusange bita ngo... ngo ni ikimenyetso simusiga.

K0205613

( FIN DE LA FACE B ).